# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

WERURWE 2024

## MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO YASHYIKIRIJE BA GITIFU B'UTUGARI MOTO, ABASABA KURUSHAHO KWEGERA UMUTURAGE



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 7

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE ABANYESHURI BO MU ISHURI RIKURU RYA POLISI



SOMA PAJI YA 11

## ABAKOZI N'ABATURAGE B'AKARERE BASHISHIKARIJWE KWISABIRA SERIVISI Z'IREMBO






SOMA PAJI YA 12

## URUBYIRUKO RWO MU NKAMBI YA KIGEME N'URUYITURIYE RWAHUJWE N'ABATANGA AKAZI

# MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO YASHYIKIRIJE BA GITIFU B'UTUGARI MOTO, ABASABA KURUSHAHO KWEGERA UMUTURAGE

Ku wa 01 Werurwe 2024, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA), Prof. Jeannette BAYISENGE akaba n'Imboni y'Akarere ka Nyamagabe yasuye Akarere agirana ibiganiro n'Abayobozi hamwe n'Abakozi b'Akarere ku bijyanye n'aho imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2023-2024 igeze yeswa no ku buzima bw'Akarere muri rusange.

Nyuma yo kwakirwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA n'Uwungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA, ni bwo yagiranye ibiganiro n'Abakozi b'Akarere.

Yasabye buri Mukozi kugira no kugaragaza imico n'imyitwarire myiza aho yaba ari hose, haba ku kazi no hanze yako.

Yabasabye kandi gukorera hamwe mu rwego rwo kunoza akazi.



**Minisitiri wa MIFOTRA Prof. BAYISENGE yasabye Abakozi b'Akarere kurangwa n'imyitwarire myiza**




**Minisitiri wa MIFOTRA Prof. BAYISENGE ashyikiriza Rushingwangerero moto**

Nyuma yo kuganira n'Abayobozi hamwe n'Abakozi b'Akarere, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo Prof. BAYISENGE yashyikirije Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari (Rushingwangerero) n'abahagarariye Abakozi b'urwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) ku Karere no ku Mirenge, moto zigiye kubafasha kurushaho guha umuturage serivisi nziza.

Yabasabye kuzikoresha neza mu rwego rwo kuzamura igipimo cya serivisi.

Yaragize ati: "Turabasaba gukoresha neza izi moto muhawe. Murasabwa kandi kuzamura igipimo cya serivisi mwahaga umuturage."



**Abahawe moto bose hamwe ni 82**

# UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE ABAKOZI B'IKIGO CY'IBARURISHAMIBARE (NISR) BASOJE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'AKARERE YO MU MWAKA WA 2023-2024



**Meya NIYOMWUNGERI yakiriye Abakozi ba NISR basoje isuzuma ry'imihigo mu Karere**

Ku wa 05 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yagiranye ibiganiro n'itsinda ry'Abakozi b'Ikigo cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) basoje isuzuma ry'imihigo y'Akarere y'ibihembwe 2 bibanza by'umwaka wa 2023-2024 bari bamazemo iminsi 2.

Ibi biganiro byitabiriwe na bamwe mu Bayobozi b'Amashami mu Karere byibanze ku kurebera hamwe uko imihigo yagenze, iyagezweho, itaragezweho, imbogamizi zabayemo n'ingamba zafashwe.



**Abakozi ba NISR bagiranye ibiganiro n'Umuyobozi w'Akarere ari kumwe na bamwe mu Bayobozi b'Amashami mu Karere byibanze ku migendekere y'imihigo y'Akarere y'ibihembwe 2 bibanza by'umwaka wa 2023-2024**

Ku wa 04 Werurwe 2024, ni bwo Akarere kakiriye Abakozi b'Ikigo cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) bari baje mu gikorwa cyo gusuzuma imihigo y'ibihembwe 2 bibanza by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024.

Nyuma yo gusuzuma mu nyandiko ibikorwa bikubiye muri iyi mihigo, itsinda rimwe ryasuye bimwe muri ibi bikorwa biherereye mu Murenge wa Tare.

Muri uyu Murenge ryasuye ibikorwa byakozwe mu rwego rwo gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage, Isoko ry'Amatungo rya Ryarubondo n'ibindi.

Andi matsinda yakoreye mu Mirenge ya Cyanika na Kamegeri aho yasuzumye imihigo irimo uwo kubaka Amavuriro Mato (Health Posts), imikorere y'amavomero, gutanga inka muri gahunda ya Girinka, gushyira amatungo mu Bwishingizi n'ibindi.

Ku munsi wa 2, itsinda ryari riherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ryasuye bimwe mu bikorwa biri mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2023-2024 biherereye mu Murenge wa Kitabi.

Nyuma y'isuzuma, abari bagize aya matsinda bakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI baganira ku migendekere y'iri suzuma.

Uwari uhagarariye (NISR) yavuze ko muri rusange imihigo y'Akarere iri kweswa ariko hari ibigomba kunozwa.

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye Abakozi ba NISR ku gikorwa cyo gukora isuzuma ry'imihigo y'Akarere basoje, abizeza ko bike bitaranozwa bigiye gushyirwamo imbaraga.

# UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE ITSINDA RISHINZWE GUKURIKIRANA IKEMURWA RY'IBIBAZO BIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE KU RWEGO RW'IGIHUGU



**HSI Taskforce ku rwego rw'igihugu yasuye Akarere yakirwa na Meya na bamwe mu Bakozi b'Akarere**

Ku wa 06 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye abagize itsinda rihuriweho n'inzego zitandukanye rishinzwe gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage ku rwego rw'Igihugu (Joint National Taskforce for Human Security Issues).

Nyuma yo guhabwa ikaze n'Umuyobozi w'Akarere, abari bagize iri tsinda ryari riyobowe na Lt Colonel SAFARI bahawe ishusho y'aho Akarere kageze gakemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024.



**Lt Colonel SAFARI ni we wari uyoboye HSI Tasforce ku rwego rw'Igihugu ryasuye Akarere**

Basobanuriwe kandi imikorere y'itsinda rihuriweho n'inzego zitandukanye rishinzwe gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage ku rwego rw'Akarere n'Imirenge.





**Abagize HSI Taskforce ku rwego rw'Igihugu yasuye Akarere bahawe umwanya wo kubaza ibibazo**

Nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko ibyakozwe, basuye bimwe mu bikorwa bigamije gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage byakozwe mu Murenge wa Tare kuva muri Nyakanga 2023 kugeza muri Gashyantare 2024 n'ibikiri gukorwa kugeza uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024 urangiye.

# ITSINDA RYO MURI KOMISIYO Y'ABAKOZI BA LETA RYAGENZUYE UKO IHAME RY'UBURINGANIRE RYUBAHIRIZWA MU KAZI KU KARERE



**Abakozi ba NPSC bagenzuye uko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa mu kazi**

Ku wa 06 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda ryari riturutse muri Komisiyo y'Igihugu y'Abakozi ba Leta (NPSC) ryasuye Akarere mu rwego rwo kureba uko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa mu kazi.

Nyuma yo guhabwa ikaze n'Umuyobozi w'Akarere, abari bagize iri tsinda basobanuriye bamwe mu Bakozi b'Akarere b'igitsinagore, ibijyanye n'ihame ry'uburinganire mu kazi muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST1) mu cyiciro cyayo cya mbere. Iyi kandi ni na yo Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi (7YGP), ikaba yaratangiye mu mwaka wa 2017.



**Uwari uhagarariye itsinda rya NPSC yasobanuriye Abakozi b'Akarere ibijyanye n'ihame ry'uburinganire mu kazi**

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko ihame ry'uburinganire mu Bakozi b'Akarere ka Nyamagabe ryubahirizwa ku kigero cyo hejuru.

Gusa yagaragaje ko mu Karere hakiri icyuho mu Nzego z'Ubuyobozi kuko Abari n'Abategarugori bakiri bake.

Yaboneyeho umwanya wo kubasaba kwitinyuka na bo bagapiganwa muri iyi myanya.

Kugeza ubu muri Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe igomba kuba igizwe n'abantu 5, habonekamo Umugore umwe gusa, ibi bikaba ari na ko bimeze mu Bayobozi b'Amashami, aho mu bagera kuri 13 na ho harimo Umugore 1 gusa.

Mu Banyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bagera kuri 17, ho nta muntu n'umwe w'igitsinagore urimo.



**Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko umubare w'Abari n'Abategarugori mu Buyobozi mu Karere ukiri muto**

# UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABATURAGE BA UWINKINGI KWIRINDA UBUHARIKE N'UBUSHOREKE



**Meya NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Munyege**

Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Uwinkingi, abasaba kurwanya ubuharike n'ubushoreke.

Bimaze kumenyerwa ko buri wa Kabiri mu Tugari twose haba Inteko z'Abaturage aho bagirana ibiganiro n'Abayobozi batandukanye.

Ni muri urwo rwego ku wa 12 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abo mu Kagari ka Munyege, mu Murenge wa Uwinkingi.

Yabashimye imbaraga bashyize mu guhinga ubutaka butahingwaga, ibyatumye umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi wiyongera, abasaba kutadohoka no gufata neza umusaruro bejeje.



**Meya NIYOMWUNGERI yashimiye abaturage ku ruhare bagize mu kongera umusaruro w'ubuhinzi**

Yabasabye kandi kwibumbira mu matsinda yo kubafasha kwishyura Umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza (MUSA) no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside hamwe n'ibikorwa byose biyishamikiyeho birimo ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994.

By'umwihariko yabasabye kurwanya ubuharike n'ubushoreke kuko ari bimwe mu biteza amakimbirane mu miryango.

Yaragize ati: "Turabasaba kurwanya ubuharike n'ubushoreke kuko ni bimwe mu bihembera amakimbirane mu miryango."

Nyuma yo kuganiriza abaturage, Meya NIYOMWUNGERI afatanyije n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Uwinkingi yakiriye ibibazo by'abaturage byagarutse ahanini ku kibazo cy'ubutaka butabaruye.

Yabasezeranyije ko Ubuyobozi bw'Akarere bugiye kubafasha bakabona ibyangombwa byabwo mu gihe kidatinze.



**Abaturage bagejeje kuri Meya ibibazo byabo byagarutse ahanini ku butaka butabaruye**

## ABANYESHURI BO MU ISHURI RIKURU RYA POLISI BASUYE AKARERE MU RWEGO RWO GUSOBANUKIRWA INGAMBA ZIFATWA MU GUKUMIRA IBYAHA



**Umuyobozi w'Akarere yakiriye Abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru rya Polisi**

Ku wa 13 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda rya ba Ofisiye Bakuru biga mu Ishuri Rikuru rya Polisi riherereye mu Karere ka Musanze bagiriye urugendoshuri mu Karere.

Uru rugendoshuri rwari rufite insanganyamatsiko igira iti:" Guteza imbere umuco wo gukumira icyaha binyuze mu bufatanye n'Abaturage", rwari rugamije gufasha Abanyeshuri b'iri Shuri gusobanukirwa ingamba zifatwa mu gukumira no kugabanya ibyaha.



**Aba Banyeshuri basobanuriwe uko umutekano w'Akarere ucungwa abaturage babigizemo uruhare**

Nyuma yo kwakirwa n'Umuyobozi w'Akarere, basuye Umurenge wa Gasaka bagirana ibiganiro n'Abafatanyabikorwa mu gucunga umutekano barimo; Komite z'Abaturage mu kwicungira umutekano (CPCs), Urubyiruko rw'Abakorerabushake mu gukumira ibyaha, Imboni z'impinduka, Amatsinda yo kurwanya ibyaha n'abandi.

Abanyeshuri bo mu Ishuri Rikuru rya Polisi bakoreye urugendoshuri mu Karere ka Nyamagabe, bakomoka mu bihugu 9 by'Afurika ari byo; Botswana, Kenya, Lesotho, Malawi, Namibia, Somalia, Sudani y'Epfo, Tanzania n'u Rwanda rwabakiriye.

Mu gihe cy'umwaka bamara biga amasomo y'icyiciro cya 12, ba Ofisiye Bakuru mu nzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, bahabwa amasomo akubiye mu bice bitandukanye birimo amasomo y'Icyiciro cya gatatu cya Kaminuza mu bijyanye n'amahoro no gukemura amakimbirane, ayerekeranye n'ibikorwa byo kubungabunga amahoro n'ubumenyi ku miyoborere.



**Abiga mu Ishuri Rikuru rya Polisi bakomoka mu Bihugu bitandukanye bya Afurika**

# ABAYOBOZI BA KOPERATIVE Y'ABAMOTARI MU KARERE KA NYAMAGABE BAHAWE AMAHUGURWA



**Abayobozi ba UTAMONYA basoje amahugurwa ku micungire y'Amakoperative**

Ku wa 14 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasoje amahugurwa yahabwaga Komite Nyobozi, Komite Ngenzuzi n'Abakozi ba Koperative y'abatwara abagenzi kuri moto bo mu Karere ka Nyamagabe yitwa UTAMONYA (Umurava Taxi Moto Nyamagabe).

Muri aya mahugurwa, Abayobozi ba UTAMONYA bahawe ikiganiro ku micungire y'umutongo wa Koperative no ku byaha ku bikorwa hifashishijwe Abamotari.



**Abayobozi ba UTAMONYA bahawe ikiganiro ku micungire y'umutungo wa Koperative**

Mu bindi biganiro Abayobozi ba Koperative UTAMONYA bahawe harimo icyagarutse ku mpinduka zo gutwara abagenzi kuri moto cyatanzwe na Dr. Patrice Mugenzi, Umuyobozi Mukuru w' Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative (RCA) n'icyagarutse ku myitwarire y'Abamotari cyatanzwe na SP J. BATSINDA, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Abamotari ku rwego rw'Igihugu.

Abitabiriye aya mahugurwa bizeje Ubuyobozi ko bagiye gukorana umurava n'ubunyangamugayo mu kazi kabo.



**Dr. Patrice Mugenzi, Umuyobozi Mukuru wa RCA**

Ku wa 20 no ku wa 21 Gashyantare 2024, ni bwo abatwara abagenzi kuri moto bazwi nk'Abamotari bo mu Karere ka Nyamagabe batoye Abayobozi ba Koperative yabo.

Aya matora yaje nyuma yuko mu mwaka ushize wa 2023, Koperative z'Abamotari zo mu Karere ka Nyamagabe kimwe n'ahandi hose mu Gihugu ziseshwe ku bushake bw'Abanyamuryango bazo bavugaga ko aho kubateza imbere zibagusha mu bihombo.

# NYAMAGABE- UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMUGORE WIZIHIJWE ABATURAGE BASABWA GUCA UBUHARIKE N'UBUSHOREKE



**Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yasabye abaturage ba Buruhukiro guca ubushoreke n'ubuharike**

Ku wa 15 Werurwe 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Buruhukiro mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore ku rwego rw'Akarere wari ufite insanganyamatsiko igira iti:" Imyaka 30, Umugore mu Iterambere".

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe akaba ari nawe wari Umushyitsi Mukuru muri ibi birori yavuze ko guteza imbere Umugore, ari uguteza imbere umuryango nyarwanda n'Igihugu muri rusange.

By'umwihariko yasabye Abaturage b'Umurenge wa Buruhukiro guca umuco w'ubushoreke n'ubuharike kuko biri mu biteza ubukene n'amakimbirane mu miryango.

Muri ibi birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore ku rwego rw'Akarere, bamwe mu batishoboye bo mu Murenge wa Buruhukiro bararemewe. Hari aborojwe inka, abandi bahabwa ibiryamirwa.

Abaremewe bashimiye Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Muri ibi birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore, abana nabo bahawe amata.



**Aborojwe inka bashimiye Umukuru w'Igihugu**



**Umukecuru yishimira matela amaze guhabwa**



**V/M FED Bwana HABIMANA ari guha umwana amata**

# MU KARERE HATANGIJWE UKWEZI KWAHARIWE IBIKORWA BY'INZEGO Z'UMUTEKANO


**Umuyobozi w'Akarere yatangije Ukwezi kw'ibikorwa by'Inzego z'Umutekano mu Karere**

Ku wa 19 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatangije Ukwezi kwahariwe ibikorwa by'Inzego z'Umutekano, kwita ku isuku n'isukura no kurwanya igwingira mu bana.

Iki gikorwa cyabanjirijwe n'Igitondo cy'Isuku, aho Umuyobozi w'Akarere ari kumwe n'Ingabo na Polisi yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Gasaka mu gukora isuku mu nkengero z'Umujyi wa Nyamagabe.

Atangiza uku Kwezi, Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Gasaka ari na wo ubarizwamo Umujyi wa Nyamagabe kugira isuku umuco.


**Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kurangwa n'isuku aho ari ho hose**

Abari bahagarariye Ingabo na Polisi bashimiye abaturage, ubufatanye badahwema kugaragariza izi Nzego mu gucunga umutekano. Babizeja ko na zo zizabahora hafi mu rugamba rwo guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'umuturage.


**Ingabo na Polisi bifatanyije n'abaturage mu Gitondo cy'Isuku**


**Inzego z'Umutekano zizeje abaturage, ubufatanye mu guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza yabo**

# ABAKOZI N'ABATURAGE B'AKARERE BASHISHIKARIJWE KWISABIRA SERIVISI KU IREMBO



**V/M Asoc yereka Umukozi wa Irembo ko yatangiye kwisabira serivisi akoresheje Telefoni**

Ku wa 25 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda ry'Abakozi b'Urubuga Irembo bari mu bukangurambaga bwa gahunda yiswe Byikorere.

Ubu bukangurambaga bwakorewe mu Mirenge itandukanye y'Akarere ka Nyamagabe, bwari bugamije gushishikariza abaturage kwisabira serivisi ku Irembo bakoresheje uburyo butandukanye cyane cyane ubwa Telefoni zigendanwa.

Mu Mirenge, ubu bukangurambaga bwahereye mu wa Mbazi no mu wa Gasaka, bukomereza mu wa Musebeya no mu wa Mushubi.

Mu Karere ka Nyamagabe, ubukangurambaga bwa Byikorere bwasorejwe mu Mirenge ya Buruhukiro na Uwinkingi.

Aha hose abaturage bigishijwe uko bakwisabira serivisi za Leta hifashishijwe Irembo, aho badasobanukiwe bagafashwa.




**Abaturage ba Nyamagabe bigishijwe uko bazajya bisabira serivisi ku Irembo**




**Ubukangurambaga bwa Byikorere muri Nyamagabe bwahereye ku Bakozi b'Akarere**




**Uwagiraga ikibazo,Umukozi wa Irembo yaramufashaga**

## URUBYIRUKO RWO MU NKAMBI Y'IMPUNZI YA KIGEME N'URUYITURIYE RWAHUJWE N'ABATANGA AKAZI




**Urubyiruko rwo mu Nkambi y'Impunzi ya Kigeme n'uruyituriye rwahujwe n'abatanga akazi**

Ku wa 26 Werurwe 2024, ku bufatanye na GIZ/Gopa binyuze mu Mushinga "Economic Inclusion of Refugees and Host Communities (ECOREF)", Urubyiruko rwo mu Nkambi ya Kigeme n'uruyituriye rusaga 200 rwize imyuga itandukanye irimo; Guteka, Ububaji, Ubwubatsi, Gukanika Ibinyabiziga, Amashanyarazi, Gukora Amazi, Gutunganya Imisatsi, Ubudozi, Gusudira, Gutera Amarangi no Gutunganya Amafunguro rwahujwe n'abatanga akazi basaga 30.

Ni mu rwego rwo kurufasha mu mibereho yarwo ya buri munsi bitabaye ngombwa ko rwiringira inkunga z'Imiryango Mpuzamahanga.

Muri aba batanga akazi harimo Abikorera bo mu Karere, Ibigo bya Leta, Imiryango itari iya Leta, Banki n'abandi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Ndayamabaje Aimé Joël wari uhagarariye Akarere muri iki gikorwa, yasabye Urubyiruko kubyaza umusaruro ikoranabuhanga n'uburyo bwo kwihangira imirimo Leta yarushyiriyeho.




**Gitifu w'Agateganyo w'Akarere Bwana NDAYAMBAJE yasabye Urubyiruko kubyaza umusaruro ikoranabuhanga**

Umushinga ECOREF watangiye mu 2019. Ukorera mu Turere ducumbikiye Inkamba z'Impunzi ari two Nyamagabe (Inkambi ya Kigeme), Gisagara (Inkambi ya Mugombwa) na Kirehe (Inkambi ya Mahama).




**Urubyiruko rwahujwe n'abatanga akazi rurimo urwize imyuga inyuranye**




**Abatanga akazi bahujwe n'Urubyiruko, barimo Abikore n'Ibigo bya Leta**

# NYAMAGABE- UMUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAZI WIZIHIJWE HATAHWA UMUYOBORO W'AMAZI



**Umunsi Mpuzamahanga ku rwego rw'Akarere wizihirijwe mu Murenge wa Gatare**

Ku wa 22 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yitabiriye Umunsi Mpuzamahanga w'Amazi wizihirijwe ku rwego rw'Akarere mu Murenge wa Gatare.

Ibirori byo kwizihiza uyu Munsi Mpuzamahanga w'Amazi wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Uruhare rw'Amazi mu Kwimakaza Iterambere", byahujwe no gutaha umuyoboro w'amazi wa Muhingo-Shyeru uherereye mu Murenge wa Gatare.

Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abaturage bahawe amazi gufata neza ibikorwaremezo nk'ibi baba begerejewe.



**Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage gufata neza amazi bahawe**

Umuyoboro w'amazi wa Muhingo-Shyeru ureshya na kilometero 11, wubatswe ku bufatanye na Water Aid Rwanda.

Wuzuye utwaye amafaranga y'u Rwanda asaga miliyoni 120, ukaba uha amazi meza abaturage basaga 9000.



**Ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Amazi mu Karere byahujwe no gutaha umuyoboro w'amazi**



**Abayobozi n'abaturage b'Umurenge wa Gatare bacinye akadiho**

## VISI MEYA USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y’ABATURAGE YIFATANYIJE N’ITORERO NEW LIFE BIBLE CHURCH MU KWAKIRA UMUSHUMBA MUSHYA



**Umushumba mushya wa NLB Nyamagabe yakirwa**

Ku wa 31 Werurwe 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye umuhango wo kwakira Umushumba wa New Life Bible Church (NLBC) Nyamagabe, Pastor DUFITUMUKIZA Moses.

Uyu muhango wahuriranye no kwizihiza isabukuru y'imyaka 2 iri Torero rimaze rikorera ivugabutumwa mu Karere ka Nyamagabe n'Umunsi Mukuru wa Pasika, Abakirisitu bizihizaho izuka rya Yezu Kristu cyangwa Yesu Kristo.

Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA wari umushyitsi mukuru yashimiye cyane Itorero NLBC Nyamagabe, ku ruhare rigira mu bikorwa by’iterambere ry’Akarere by’umwihariko mu Burezi, mu mibanire myiza y'umuryango, mu bikorwa by'Ubuvuzi n’ibindi.

Yabasabye kurushaho kwitegura ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bizatangira ku wa 07 Mata 2024.



**V/M Asoc yashimye ubufatanye Akarere gafitanye na NLBC Nyamagabe, ashimangira ko buzakomeza**

This Newsletter was produced

by

Callixte NDAGIJIMANA

Public Relations, Media and Communication Officer

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw

Phone: +250783353060